## 1. Iriburiro

Amateka y'u Rwanda rwo hambere atugaragariza ko ubunyarwanda bwabaye ishingiro ry'ubutwari bwo kubaka igihugu no kukirinda. Isano Abanyarwanda bemeraga ko basangiye yabasangizaga urukundo n'ishema bari bafitiye u Rwanda. Ibi byaheshaga Abanyarwanda igitinyiro imbere y'amahanga kugeza ku mwaduko w'abakoloni.

Abakoloni badutse, bashenye indangagaciro ubunyarwanda bwari bwubakiyeho, inzego z'imibereho zihindurwa amoko n'inyigisho z'inkomoko mpimbano y'Abanyarwanda ziramamazwa. Ibi byashenye ubumwe n'ubufatanye bw'Abanyarwanda, umuryango nyarwanda bawucamo ibice kugira ngo bayobore u Rwanda uko babyumva bitabagoye.

Imbuto y'amacakubiri yakomeje gukura mu gihe cy'ubukoloni na nyuma yabwo kugeza

ubwo yeze ubwicanyi n'ubuhunzi mu bihe bitandukanye (1959, 1963, 1973…), irondabwoko, irondakarere, ingengabitekerezo ya jenoside n'ihezwa ku byiza by'Igihugu byagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe abatutsi. Indangagaciro z'ubunyarwanda zarasenyutse n'ikizira kirazirurwa, ubumuntu n'ubunyarwanda byimuka mu mitima ya bamwe mu Banyarwanda.

Nyuma y'urugamba rwo kubohora igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe abatutsi, hakurikiyeho urugamba rwo gusana ubumwe bw'Abanyarwanda, na n'ubu rugikomeje. Uretse Leta n'inzego zayo babifite mu nshingano, Abanyarwanda b'ingeri zitandukanye ku bwabo bagiye bagaragaza ubudashyikirwa mu kugira uruhare muri uru rugamba. Ibi byakozwe muri gahunda zitandukanye z'Igihugu, iri ku isonga akaba ari gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

Mu mwaka wa 2015, nyuma y'imyaka ibiri hatangijwe gahunda ya Ndi Umunyarwanda, Unity Club Intwararumuri mu bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bateguye igikorwa kigamije kumenya no kumenyekanisha abakoze cyangwa se bagikora ibikorwa by'indashyikirwa mu bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda hagamijwe gukomeza kwimakaza ubunyarwanda, gufasha Abanyarwanda kumva isano bafitanye n'igihugu, ndetse no gushyira inyungu z'igihugu imbere, ariko cyane cyane bakabigira ubuzima bwa buri munsi. Muri iyi gahunda izo ndashyikirwa zahawe izina ry'*ABARINZI B'IGIHANGO.*

Ubumwe bw'Abanyarwanda, isano dusangiye twese ikaba n'igihango ubundi cyaziraga gutatirwa, bwarasenywe bityo n'icyo gihango kiratatirwa; abagize uruhare mu kubungabunga no kugarura iki gihango ni Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga

bakomeye ku gihango, biyemeza ndetse no kukirinda. Iyi ni yo nkomoko y'iryo zina *ABARINZI B'IGIHANGO*. Iki gihango tuvuga ni Ndi Umunyarwanda.

Ndi Umunyarwanda ni ukwiyumvamo isano ihuza Abanyarwanda batewe ishema no kuba Abanyarwanda bahuriye ku gukunda u Rwanda, kururinda no kuruteza imbere (Spirit). Ndi umunyarwanda ikubiyemo ingengabitekerezo y'ubunyarwanda (Rwandan spirit), inshingano, uburenganzira, indangagaciro na kirazira bigamije kwimakaza ubunyarwanda. Kugira ingengabitekerezo y'ubunyarwanda ni ugutwara u Rwanda ku umutima rukakubamo ukarubamo urukunze witeguye kururengera ku giciro icyo ari cyo cyose. Iyo sano-muzi ikaba igihango kidatatirwa, kidusaba kwiyumvamo imbaraga zica imigozi ikiziritse bamwe mu Banyarwanda ku macakubiri, zigapfundika ipfundo ry'ubwizerane,

ubworoherane, uburengazira bungana kuri bose, ukwishyira ukizana mu gihugu no kuzirikana ko igihugu ari byose bigatera buri wese kugikunda no kugikorera nta gusigana.

Ndi Umunyarwanda ni gahunda yakiriwe neza, ndetse imaze gushinga imizi nk'icyomoro cy'amateka yakomerekeje Abanyarwanda n'igihango dusangiye mu kuyarinda kongera gutokorwa. Bityo gushyira imbere ubunyarwanda n'inyungu z'Abanyarwanda bose mbere yo kwibonamo amoko, amasano, akarere, inkomoko n'ibindi, bikaba bikomeje kutubera intego twese twiyemeje kugeraho.

Gahunda ya Ndi Umunyarwanda yabanjirijwe n'ibikorwa byo gutanga ishimwe ku mashyirahamwe y'abaturage yagaragaje ibikorwa by'indashyikirwa by'ubumwe n'ubwiyunge, bahuza Abanyarwanda bari mu byiciro bitandukanye bagizweho ingaruka n'amateka y'igihugu cyacu, bagatozwa

imibanire myiza izira amacakubiri ashingiye ku ivangura iryo ariryo ryose, ari nako bashyiraho ibikorwa bifatika bibateze imbere bikanateza imbere aho batuye. Ibi bigakorwa ku bufatanye bwa Unity Club na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Guhera mu mwaka wa 2015, hifujwe gutera indi ntambwe, hagamijwe kumenya no gushimira abantu ku giti cyabo bagiye bagira uruhare rudasanzwe mu rugamba rwo kubaka ubunyarwanda, bagahabwa izina ry'Umurinzi w'Igihango; ibikorwa byabo bikamenyeshwa Abanyarwanda bariho n'ababyiruka hagamijwe gukomeza kwimakaza indangagaciro z'ubunyarwanda no kwiyumvamo ishema ryo kuba Umunyarwanda.

## 2. Ikigamijwe muri iki gikorwa

### Intego rusange

Iki gikorwa kigamije kumenya, kumenyekanisha no guha agaciro ibikorwa ntangarugero mu bumwe n'ubwiyunge byakozwe n'Abanyarwanda ubwabo himakazwa ubunyarwanda.

### Intego zihariye

- Kumenya ibikorwa by'indashyikirwa n'ababikoze;
- Kugaragariza umuryango nyarwanda abagize uruhare mu bikorwa by'indashyikirwa;
- Gushimira abantu bagize uruhare mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge;

- Kwishimira (celebration) ibimaze kugerwaho;
- Kwifashisha ibikorwa ntangarugero mu gukangurira Abanyarwanda ubumwe n'ubwiyunge no kwimakaza Ndi Umunyarwanda;
- Gushyigikira no kubungabunga umurage mwiza ngo ibikorwa ntangarugero bitazima.

## 3. Umusaruro utegerejwe

- Abanyarwanda bagize uruhare rwihariye mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge baramenyekanye;
- Ibikorwa by'Abanyarwanda b'inda-shyikirwa bihawe agaciro;

- Ubuhamya n’ibikorwa by’indashyikirwa mu bumwe n’ubwiyunge birakusanyijwe;

- Abanyarwanda ubwabo bagize uruhare mu kugaragaza ibikorwa by’indashyikirwa bya bagenzi babo;

- Hakusanijwe amakuru (database) ku bikorwa by’indashyikirwa bizifashishwa n’izindi nzego;

- Habonetse indangagaciro n’ibikorwa bifatika byakwifashishwa mu kwigisha bagenzi babo, kwigisha no gutegura ababyiruka (next generations).

## 4. Gutoranya Abarinzi b'Igihango

### 4.1. Ibyiciro by'Abarinzi b'Igihango kuri buri rwego

Gutoranya abantu bagize uruhare rukomeye mu gusana umuryango nyarwanda, bizakorwa mu byiciro bibiri hagamijwe guha agaciro ibikorwa by'Abanyarwanda n'abanyamahanga batuye mu Rwanda mu ngeri zose. Icyiciro cya mbere ni icyiciro cy'abaturage bakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu bushobozi buke bari bafite (ordinary citizens). Icyiciro cya kabiri kizibanda ku rwego rw'abaturage bari bafite amikoro, ububasha n'ubumenyi byihariye mu gihe bakoraga ibyo bikorwa (leaders), aha twavuga abayobozi mu nzego za Leta, iz'amadini, imiryango itari iya Leta n'abacuruzi.

## 4.2. Inzego z'Abarinzi b'Igihango:

Abarinzi b'Igihango bazatoranywa mu nzego, hakurikijwe ibigenderwaho bigenda byiyongera mu budashyikirwa uko uva ku rwego rumwe ujya ku rwisumbuyeho. Byumvikane rero ko kugira ngo ube Umurinzi w'Igihango ku rwego rwisumbuye uba wanamaze kuba we ku rwego rubanza.

Abarinzi b'igihango bazatoranywa:

- Ku rwego rw'Akagari;
- Ku rwego rw'Umurenge;
- Ku rwego rw'Akarere;
- Ku rwego rwa Disapora;
- Ku rwego rw'Igihugu.

Cyakora hari abantu bamwe babarizwa mu byiciro bifite imiterere idasanzwe, nk'ingo z'Abihayimana, ibigo by'amashuri… Kuri abo bantu, ku rwego urwo ari rwo rwose, itsinda rishinzwe gutoranya rigomba gushingira ku makuru avuye muri ibyo bigo.

## 4.3 Ingingo zishingirwaho mu gutoranya Abarinzi b'Igihango

Mu gutoranya indashyikirwa hasuzumwa ubudashyikirwa n'imyitwarire yihariye ishimangira ubumwe bw'Abanyarwanda mu bihe bikomeye byaranze amateka y'Igihugu cyacu. Muri byo twavuga:

- Igihe cy'itangira ry'urugamba rwo kubohora Igihugu (Ukwakira 1990)
- Igihe cy'ivuka ry'amashyaka menshi;
- Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994;

- Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi;
- Igihe cy'intambara y'abacengezi;
- Igihe cy'inkiko gacaca na nyuma yazo.

Umurinzi w'Igihango utoranywa, ni Umunyarwanda cyangwa se umunyamahanga waranzwe kandi agakomeza kurangwa muri rusange n'indangagaciro z'umuco nyarwanda zirimo gukunda u Rwanda n'Abanyarwanda, kuba inyangamugayo urangwa n'ukuri, ubworoherane, kwicisha bugufi, kwanga no kurwanya akarengane; kwiha agaciro no kuba yaragize uruhare mu kurwanya amacakubiri n'ingenga-bitekerezo ya jenoside na jenoside ubwayo.

Umurinzi w'Igihango ashobora no kuba uwatabarutse waranzwe n'indangagaciro zivugwa mu gika kibanza.

### 4.3.1. Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Akagari

Batoranywa mu baturage batuye cyangwa bahoze batuye Akagari, bikozwe n'Inteko y'Akagari. Ubudashyikirwa bw'ibikorwa byabo bwashingira ku ngingo zikurikira:

- Kuba afite ubuhamya bwiza mu muryango;
- Kuba yaragize uruhare mu bikorwa bifasha abandi, bitavangura kandi bishyira imbere inyungu rusange;
- Kuba yarafashije abaturanyi n'Abanyarwanda muri rusange kwiyubaka, kwiyunga no gukira ibikomere.

### 4.3.2. Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Umurenge

Batoranywa mu Barinzi b'Igihango babonetse mu Tugari twose tugize Umurenge, bikozwe n'itsinda rishinzwe gutoranya ku Murenge. Ku ngingo zivuzwe hejuru, hiyongeraho ibi bikurikira :

- Kuba ibikorwa bye ari ibikorwa biramba kandi biteza imbere imibanire n'imibereho y'abantu bari aho bikorerwa;
- Igikorwa kigomba kuba ari umwimerere/nyir'ubwite ariwe wakitekerereje.

### 4.3.3. Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Akarere

Batoranywa mu Barinzi b'Igihango bujuje ibyagenwe ku Barinzi b'Igihango ku rwego

rw’Umurenge baturutse mu Mirenge yose igize Akarere, bikozwe n’itsinda rishinzwe gutoranya ku Karere. Ku ngingo zishingirwaho ku Murenge, hiyongeraho ibikorwa byihariye bifasha Abanyarwanda kuva mu bibazo by’ingutu bikomoka ku mateka banyuzemo (abana b’imfubyi, abapfakazi, abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi, abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma …).

### 4.3.4. Abarinzi b'Igihango muri Diaspora

Hatoranywa Abarinzi b'Igihango mu rutonde rw'Abanyarwanda baba muri Diaspora bagaragaje ibikorwa by'ubudashyikirwa mu Rwanda cyangwa mu bihugu babayemo, bikozwe na Unity Club, NURC, CNLG, MINAFFET na Komite za Diaspora hashingiwe ku ngingo ngenderwaho zumvikanweho n'izi nzego.

### 4.3.5. Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu

Batoranywa mu Barinzi b'Igihango bujuje ibyagenwe ku Barinzi b'Igihango ku rwego rw'Akarere n'Abarinzi gihango muri Diaspora, bikorwe n'itsinda rishinzwe gutoranya ku rwego rw'igihugu. Ku ngingo zagendeweho ku rwego rw'Akarere na Diaspora hiyongeraho kuba urugero yatanze rwareze imbuto (multiplier effect /effet multiplicateur).

Ku Barinzi b'Igihango bo mu cyiciro cy'abayobozi, itsinda ritoranya rigomba gutandukanya ibikorwa byakozwe mu rwego rw'inshingano z'ubuyobozi n'ibikorwa by'ubudashyikirwa byihariye byakozwe n'umuyobozi bimugira Umurinzi w'Igihango.

## 4.4. Uburyo bwo kumenya abakandida ku burinzi bw'igihango

- **Guhamagarira abantu gutanga amakuru :** Hatangwa amatangazo asaba abantu kugeza ku itsinda rya buri rwego amakuru ku bo babona baba Abarinzi b'Igihango.

- **Gushingira ku buhamya busanzwe buriho** hirya no hino mu bantu, usanga mu nyandiko, mu majwi cyangwa mu mashusho, bwagiye butangwa mu bihe byo kwibuka, mu myiherero ndetse n'ahandi.

## 4.5 Abatoranya Abarinzi b'Igihango kuri buri rwego

- **Ku rwego rw'Akagari**

  Inteko y'Abaturage ku Kagari ibifashijwemo n'itsinda ry'abayobozi bakurikira: Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore, Abayobozi b'Imidugugu igize Akagari riyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akagari.

- **Ku rwego rw'Umurenge**

  Komite igizwe na:

  1. Perezida w ' Inama Njyanama y'Umurenge (Perezida) ;

2. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;

3. Uhagarariye Amadini;

4. Abayobozi b'inzego z'umutekano (uhagarariye Ingabo z'Igihugu, uhagarariye Inkeragutabara, uhagarariye Polisi y'Igihugu, uhagarariye NISS);

5. Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore;

6. Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;

7. Umuyobozi w'Urugaga rw'Abikorera.

- **Ku rwego rw'Akarere**

  Komite igizwe na:

  1. Umuyobozi w'Akarere (Ukuriye Komite);
  2. Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere;
  3. Abagize Komite y'Umutekano itaguye (Umuyobozi w'Ingabo z'Igihugu, Umuyobozi w' Inkeragutabara, Umuyobozi wa Polisi y'Igihugu, uhagarariye NISS);
  4. Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore;
  5. Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;

6. Perezida wa Forum y' Ubumwe n'Ubwiyunge;
7. Umuyobozi w'Urugaga rw' Abikorera;
8. Uhagarariye Amadini.

Kuri uru rwego, itsinda ry'Akarere rifatanya n'itsinda riturutse ku rwego rw'Igihugu rigizwe na NURC, Unity Club na MINALOC mu gutoranya Abarinzi b'Igihango mu baturutse mu Mirenge igize Akarere.

- **Ku rwego rw'Igihugu**

Komite tekinike igizwe n'abahagarariye inzego zikurikra :

1. MIGEPROF;
2. MINALOC;

3. MINEDUC;
4. MYICT;
5. Office of the First Lady;
6. Umukozi mu Nteko Ishingamategeko;
7. Uhagarariye amadini;
8. Urugaga rw'Abikorera;
9. Sosiyete Sivile;
10. Inama y'Igihugu y'Abagore;
11. Inama y'Igihugu y'urubyiruko;
12. Itorero ry'Igihugu.

N.B : Abatoranijwe n'iri tsinda bemezwa na Komite Nshingwabikorwa ya Ndi Umunyarwanda (EXCOM).

## 4.6. **Gutanga raporo ku Barinzi b'Igihango batoranijwe**

Buri rwego rutoranyirizwaho Abarinzi b'Igihango (Akagari,Umurenge, Akarere) rugomba gutanga raporo ku rwego rukurikiyeho. Iyo raporo igomba kuba ikubiyemo umwirondoro wuzuye w'Umurinzi w'Igihango n'amakuru yashingiweho mu gutoranya Abarinzi b'Igihango kandi ayo makuru agomba kuba atarimo icyuho ku bijyanye n'ibihe by'amateka bishingirwaho mu gutoranya Abarinzi b'Igihango.

## 4.7 Icyitonderwa

Gutoranya A

barinzi b'Igihango bizajya bikorwa buri mwaka. Icyo gihe hanasuzumwa ko nta Murinzi w'Igihango wateshutse kuri imwe mu ngingo zashingiweho agirwa Umurinzi w'Igihango ku buryo yaba atagikwiriye iryo zina, itsinda rishinzwe gutoranya kuri buri rwego rikaba ryabifataho umwanzuro.

## 5. Ishimwe rigenerwa Abarinzi b'Igihango

Kugira ngo iki gikorwa Abanyarwanda bakigire icyabo (ownership), ni ngombwa ko ibikorwa byo gutoranya Abarinzi b'Igihango no kubashimira babigiramo uruhare kandi bikabegera.

Kuba uwatoranyijwe mu bandi nk'Umurinzi w'Igihango kuri buri rwego ubwabyo ni ishimwe rikomeye. Bihesha uwatoranyijwe ishema mu rwego arimo, ko ibyo yakoze bagenzi be babizi kandi babishima.

Nyuma yo kwemezwa habaho ibikorwa byo kwizihiza Abarinzi b'Igihango ku buri rwego batoranirijweho, kugira ngo bamenyekane kandi bashimwe ku mugaragaro.

Iryo shimwe rigira ibimenyetso birigaragaza bigizwe n'icyemezo cy'ishimwe (certificate) n'umudari wabugenewe ufite imiterere imwe kuri buri rwego yemezwa na Komite Nshingwabikorwa ya Ndi Umunyarwanda.

Abarinzi b'Igihango kuri buri rwego bifashishwa n'ubuyobozi mu gutanga ibiganiro bikangurira Abanyarwanda kubana neza, batumirwa mu minsi mikuru y'Igihugu kandi bagahabwa icyicaro kibakwiye hagamijwe gukomeza guha agaciro ibikorwa bakoze no kwereka ababyiruka urugero rwiza. Ubuyobozi bw'Akarere bugomba kwita ku mibereho y'Abarinzi b'Igihango bagatuyemo kugira ngo ijyane n'agaciro bafite mu muryango nyarwanda.

**Ingengabihe y'igikorwa cyo gutoranya Abarinzi b'Igihango.**

| Igikorwa | Igihe n'aho kizakorerwa | Abazakigiramo uruhare | Umusaruro utegerejwe |
|---|---|---|---|
| 1.Kuvugurura inyandiko nsobanura-mpamvu no kwemeza ingengabihe | **Gicurasi-Kamena** | NURC;<br>Unity Club;<br>Komite Nshingwabikorwa ya Ndi Umunyarwanda. | Kwemeza Inyandiko nsobanura-mpamvu |
| 2.Kongera gusobanura "Abarinzi b'Igihango" n'uburyo batoranywa. | **Nyakanga**<br>-Akarere (Uturere dushobora guhurizwa hamwe ku Ntara) ;<br>-Umurenge (Imirenge yegeranye yahurizwa muri zone imwe. | MINALOC ;<br>NURC ;<br>Unity Club ;<br>Akarere. | Abayobozi n'abagize Komite zitoranya basobanukiwe n'igikorwa cyo gutoranya Abarinzi b'Igihango |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 3. Gusuzuma, kunoza no kwemeza urutonde rw'Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Akagari 'Umurenge Akarere na Diaspora | **Kanama**<br>Ku<br>-Kagari ;<br>-Umurenge ;<br>-Akarere ;<br>-Diaspora. | Komite ishinzwe gutoranya kuri buri rwego | Urutonde rw'Abarinzi b'Igihango ruremejwe kugera ku rwego rw'Akarere na Diaspora |
| 4. Gushyikiriza urwego rw'Igihugu urutonde rw'Abarinzi b'Igihango bemejwe | **Nzeri** (bitarenze itariki 15)<br>NURC | Komite tekiniki ya Ndi Umunyarwanda | Icyegeranyo cy'Urutonde rw'Abarinzi b'Igihango bemejwe kuri buri rwego |
| 5.Kumurika Abarinzi b'Igihango | Mu cyumweru ngarukamwaka cy'ubumwe | -Abagize Guverinoma n'abandi | Kumenyekani-sha Abarinzi b'Igihango |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | n'ubwiyunge;<br>-Abarinzi b'Igihango bo ku rwego rw'Akagari bamurikirwa Inteko y'Abaturage ku Kagari;<br>-Abo Ku murenge bamurikirwa Inama Njyanama ihujwe na Komite y'umutekano na opinions leaders b'Umurenge;<br>Abo ku Karere bamurikirwa Komite Mpuzabikorwa ku Karere;<br>Ku rwego rw'Igihugu bamurikirwa ihuriro | Banyamuryango ba Unity Club;<br>-Abagize Inteko Ishinga Amategeko (imitwe yombi);<br>-NURC;<br>-Abasanzwe baremejwe nk'Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu. | n'ibikorwa byabo by'inda-shyikirwa |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | ngarukamwaka rya Unity Club-Intwararumuri. | | |